

Ubufasha buhabwa Imiryango ifite Abana Bato muri Maine



cyangwa uhamagare
1-888-644-1130

Sisitemu yo Kohereza ya CradleME

CradleME ifasha kuguhuza na serivisi ikwiriye itangirwa mu rugo ku buntu kuri wowe n'umwana wawe. CradleME ni ubufatanye bwa porogaramu nyinshi.



cyangwa uhamagare
207-287-3991

Porogaramu y'Imirire ya WIC

WIC ifasha abantu batwite, abantu bonsa, n'abana kugeza bageje imyaka 5, hakubiyemo no kurerera abana ku babyeyi batababyaye. WIC ni ubufasha bwuzuye bw'imirire ndetse butanga ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri, inyigisho ku mirire, ubufasha mu kosa, ndetse no koherezwa mu zindi serivisi.



cyangwa uhamagare
1-888-644-1130

Umuforomo w'Ubuzima Rusange

Umuforomo w'Ubuzima Rusange wa CDC yo muri Maine ahera imiryango serivisi z'ubuzima mu rugo. Abagore bose batarabyara ndetse na nyuma yo kubyara n'impinja zose n'ibibondo kugeza ku mezi 12 y'amavuko bashobora kwitabwaho n'Umuforomo w'Ubuzima Rusange. Niba hari ibyo wibaza ku buzima bwawe cyangwa ubuzima bw'uruhinja rwawe, ushobora kubaza umuforomo igihe cyose uhamagaye numero ya CradleMe.



cyangwa uhamagare
1-888-644-1130

Maine Mom

MaineMOM inoza ubuvuzi bw'abantu batwite ndetse n'abaherutse kubyara bafite uburwayi buterwa n'ikoreshwa ribi ry'ikiyobyabwenge cya opioid n'impinja zabo binyuze mu guhuza serivisi zo kubyara n'ubuvuzi bw'uburwayi buterwa n'ikoreshwa ry'ikiyobyabwenge. Amakuru ku hantu wakura serivisi za MaineMOM n'uko wabona serivisi wabisanga kuri MaineMOM.org.

Kwita ku Mwana n'Imbonezamikurire (Head Start)



Guhitamo kwita ku mwana ni umwe mu myanzuro y'ingenzi wafata. Porogaramu zifite ireme zitanga uburyo bwo kurera n'ubufasha mu kwigira hakiri kare, ndetse Maine ifite ibyifashishwa byagufasha!



Porogaramu yo Kwita ku Mwana ku Miryango itishoboye (Child Care Affordability Program) ifasha imiryango yujuje ibisabwa kwishyurira kwita ku mwana kugira ngo ababyeyi babone uko bakora, bajye ku ishuri, cyangwa bitabire porogaramu y'amahugurwa ku murimo. Ubufasha na bwo buraboneka ku miryango yujuje ibisabwa aho abari mu biruhuko by'izabukuru ari bo baba abishingizi b'umwana bemewe n'amategeko.



Imbonezamikurire (Head Start) itanga ubufasha ku buntu, uburezi bafite ireme buhabwa umwana akivuka n'imirire, ubuzima, ubuzima bwo mu mutwe, amahugurwa y'ababyeyi/abita ku bana, n'ubufasha mbere yo kubyara byagutse ku bantu n'imiryango bujuje ibisabwa bafite abana bakivuka kugeza ku myaka 5.

hamagara
1-855-797-4357

MaineCare

MaineCare ni porogaramu ya Medicaid muri Maine ndetse itanga ubwishingizi bw'ubuvuzi ku buntu cyangwa ku kiguzi gito ku bantu bakuru, abana, abagore batwite, abantu bashaje, n'abantu bafite ubumuga batishoboye MaineCare igufasha kubona ubuvuzi ukeneye mu kwiyitaho wowe n'umuryango wawe. Ushobora kubona amakuru yisumbuye ndetse ugatanga ubusabe muri MaineCare uja kuri MyMaineConnection.gov.



cyangwa uhamagare
207-642-7991

CoverME

Ubwishingizi bw'ubuvuzi muri Maine (CoverME.gov) butanga amakuru ku mahitamo wakora ku bwishingizi bw'ubuvuzi ku kiguzi gito bugenewe imiryango yo muri Maine. Ushobora nanone kubona ububiko bw'amakuru ku bigo bikorera aho utuye bishobora kugufasha kumva amahitamo ufite ku bwishingizi ndetse no gutanga ubusabe.



cyangwa uhamagare
1-833-714-7969

Help Me Grow Maine

Help Me Grow Maine ni icyicaro gihuriweho cyagenewe guhuza imiryango y'abana kuva bavutse kugeza ku myaka umunani, ndetse n'abita ku bana batwite, kugeza ku makuru na serivisi bijyanye n'imikurire y'umwana kimwe n'ibyifashishwa bigenewe abatwite. Mu bufatanye na 211 Maine, abita ku bana n'abatanga serivisi bashobora kuvugana na Help Me Grow kugira ngo bahabwe ubufasha bwisumbuyeho. Help Me Grow izumva, ihuze imiryango na serivisi, ndetse ikurikirane abita ku bana n'abohereza abantu.



Maine Families

Maine Families ni ihuriho riba mu gihugu hose ry'amatsinda y'abaturage afasha abagore batwite mu byo bakeneye n'ababyeyi bafite impinja. Abasura mu rugo batanga ubuvuzi ndetse b'inzobere bazakorana nawe kugira ngo ubone amakuru n'impashyanyigisho byafasha ubuzima bw'umubiri n'amarangamutima by'umwana wawe n'umuryango wose.



cyangwa uhamagare
877-770-8883

Ubufasha Mbonezamikurire bwa ME, imyaka 0-3 & Uburezi Rusange Bukwiriye ku Buntu, imyaka 3-5

Ku buntu no ku bushake, kuva igihe cyo kubyara Ishami rishinzwe Uburezi muri Maine ritanga porogaramu z'imikurire n'imyigire byiza. Ubufasha Mbonezamikurire bwa ME, kuva igihe cyo kuvuka kugeza ku myaka itatu, itanga amasuzuma akorerwa mu miryango, amasuzuma y'imikurire yihariye ku muntu, ubufasha mu myigire n'ibindi byifashishwa. Abana bato, bafite imyaka itatu kugeza kuri itanu, bungukira muri serivisi z'uburezi rusange bubabereye butangwa ku buntu na serivisi zijyanye n'imikurire (Serivisi z'imikurire y'umwana, Igice cya B).



Gahunda y'Ubuvuzi Bunoze (Plan of Safe Care, POSC)

Gahunda ya Maine y'Ubuvuzi Bunoze ishyingirwaho hagati y'abantanga ubuvuzi cyangwa serivisi z'imibereho myiza, nyina na/cyangwa abandi bita ku mwana, ikagaragaza ibyo umuryango ushoboye n'ibyo ukeneye, ibyifashishwa by'ingirakamaro, n'ibyikorwa kugira ngo bifashe impinja n'imiryango ifite aho ihuriye n'ibiyobyabwenge. Gahunda y'Ubuvuzi Bunoze ikunze kuba ikubiyemo koherezwa muri serivisi cyangwa guha imiryango amakuru y'uburyo bwo kuvugana kugira ngo bagukurikirane.



cyangwa uhamagare
1-800-698-3624

Abana n'Urubyiruko bafite Ibyo bakeneye Byihariye mu Buvuzi

Abana n'Urubyiruko bafite Ibyo bakeneye Byihariye mu Buvuzi bakorana n'imiryango y'abana n'urubyiruko bafite Ibyo bakeneye Byihariye mu Buvuzi bari muni y'imyaka 22. CYSHCN ishobora gufasha imiryango n'ibigo mu kubona ibyifashishwa bihuje neza n'ibyo umwana wabo akeneye. Abakozi bashobora gufasha imiryango gukoresha sisitemu z'ubuvuzi zigoye, kubahura n'ubuvuzi buzafasha umurwayi uko bishoboka.



cyangwa uhamagare
207-624-7991

Ubufatanye Nyunguranabitekerezo ku Mikurire y'Umwana Muto

Inzobere za ECCP zikorana n'imiryango, abatanga serivisi zo kwita ku bana, n'abarimu mu gufasha ibikenewe ku buvuzi bw'ubuzima bwo mu mutwe buhabwa abana bato bafite imyaka 0-8 bafite imbogamizi mu myitwarire cyangwa amarangamutima bikorewe ku irerero cyangwa ku ishuri. Serivisi za ECCP ni iz'igihe gito, ni ubushake kuzibamo, ndetse ni ubuntu.

Kugira ngo usikane kode za QR, fungura porogaramu ya kamera ku gikoresho cyawe maze uyitunge kuri kode ushaka gusikana. Ihuzana rizizana kuri ekara — yikandeho kugira ngo ujye ku rubuga.



Iki gikoresho gihabwa abantu bose amahirwe angana.